**IMYANZURO Y'INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GASABO YATERANYE KUWA 31 MUTARAMA 2017**

Ku wa Kabiri tariki ya 31 Mutarama 2017, saa mbiri n'iminota mirongo ine za mu gitondo (08h40), mu cyumba cy'inama, cy'Akarere ka Gasabo hateraniye inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo iyobowe n'Umuyobozi wayo Madamu Dr **BAYISENGE Jeannette.**

Ku Bajyanama 30 bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo, iyi nama yitabiriwe n'Abajyanama 25 bakurikira :

**Abajyanama bitabiriye inama :**

1. Umujyanama Dr BAYISENGE Jeannette (Umuyobozi w'Inama Njyanama)
2. Umujyanama NYAMULINDA Pascal (Umuyobozi wungirije w'Inama Njyanama)
3. Umujyanama KAREMERA Francis (Umunyamabanga w'Inama Njyanama)
4. Umujyanama GAHAMANYI Edouard
5. Umujyanama KAMASHAZI GASANA Donnah
6. Umujyanama KAMBANZE Beatrice
7. Umujyanama KANKINDI GAHIRE Rose
8. Umujyanama KAREGA Diogène
9. Umujyanama MBERABAHIZI Raymond Chrétien
10. Umujyanama MICO NTUNGA Patrick
11. Umujyanama MUGABO Anne
12. Umujyanama MUGENI MAKUZA Jeanine
13. Umujyanama MUHIRE Jean Luc
14. Umujyanama MUSABYIMANA K. Yvonne
15. Umujyanama MUSSOLINI Eugene
16. Umujyanama MUZINGA SAM Mandela
17. Umujyanama NYIRABAHIRE Languide
18. Umujyanama RUBAGUMYA Emmanuel
19. Umujyanama RWAKIYANJA Jean Paul
20. Umujyanama RWAMULANGWA Stephen
21. Umujyanama RWIHUNDA Fred
22. Umujyanama UMUKUNZI Paul
23. Umujyanama UMUTONI Flora
24. Umujyanama TUYIZERE Marie Louise
25. Umujyanama ZIHIGA Faustin

**Abajyanama batitabiriye inama kubera impamvu zizwi:**

1 Umujyanama BAGILIJABO Jean d'Amour
2 Umujyanama BUCYANA André
3 Umujyanama KAMILI Karegye
4 Umujyanama UMUTONIWASE Sophie
5 Umujyanama SHEMA Fabrice

**Abandi bitabiriye iyi nama:**

1. INGABIRE Augustin (Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere)
2. UWINGABIRE Prudentienne (Umuyobozi w' Ishami ry' Imari mu Karere )
3. SINIGENGAGabriel (Umuyobozi w'Ishami rishinzwe guteza imbere Ishoramari n' Umurimo mu Karere )
4. KAYIHURA Felix (District council Affairs Specialist)
5. UWINEZA Alice ( Umukozi ushinzwe Ishyirwa mu ikorwa by'ingengo y' imari )
6. BENIMANA Bernadette (Constituency Affairs Officer )
7. BYIRINGIRO Mahene J.Paul (Umukozi ushinzwe ikoranabuhanga mu Karere )

**UKO INAMA YAGENZE N'IMYANZURO YAFASHWE**

Abari mu nama bamaze kuririmba indirimbo yubahiriza Igihugu, Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere yahaye ikaze abitabiriye inama y' Inama Njyanama, nyuma abagezaho ingingo ziteganyijwe gusuzumwa zikurikira:

**INGINGO ZARI KU MURONGO W'IBYIGWA**

1. Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y' inama isanzwe y' Inama Njyanama yateranye ku wa 09 Ukuboza 2016;
2. Kwemeza ingengo y'imari ivuguruye y'Akarere ka Gasabo y' umwaka wa 2016 -2017;
3. Raporo ya Komisiyo y' Imari n' Iterambere ry' Ubukungu :
   - Umushinga w' amabwiriza y' imicungire y' igiceri program;
   - Amafaranga y' urugendo yagenerwa Abajyanama batumiwe mu bindi bikorwa by'Akarere;
4. Raporo ya Komite Ngenzuzi ku rwego rw'Akarere;
5. Kwemeza abakozi bo mu Bugenzuzi Bwite bw' Akarere;
6. Gusuzuma no kwemeza amanota y' Umunyamabanga Nshingwabikorwa yatanzwe na Komite Nyobozi y'Akarere.

Nyuma yo kugaragarizwa ingingo ziteganyijwe, abari mu nama bemeje ko ingingo zikurikirana nk' uko zari ziteganyijwe maze hasuzumwa ingingo ku yindi ku buryo bukurikira:

**<u>Ingingo ya mbere</u>: Gusoma no kwemeza inyandiko mvugo y'inama isanzwe y'Inama**
**<u>ku wa</u> Njyanama yateranye 09 Ukuboza 2016**

Umunyamabanga w'Inama Njyanama y'Akarere yahawe umwanya asomera abitabiriye inama inyandikomvugo y'inama yateranye ku 09 Ukuboza 2016, anabagezaho ibaruwa Umuyobozi w' Umujyi wa Kigali yandikiye Umuyobozi w' Inama Njyanama isubiza kuri iyo myanzuro yemera ko yashyirwa mu bikorwa, kandi atanga inama ku buryo yashyirwa mu bikorwa kandi ishyirwa mu bikorwa ryayo rikihutishwa.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho iyo nyandikomvugo bayikoreye ubugororangingo nyuma hemezwa umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro N° 06.01.086**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje inyandikomvugo y' inama isanzwe y' Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yateranye ku wa 09 Ukuboza 2016 imaze gukorerwa ubugororangingo.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 24/24 bari mu cyumba cy'inama.

**<u>Ingingo ya Kabiri</u>: Kwemeza ingengo y'imari ivuguruye y'Akarere ka Gasabo y'umwaka wa 2016-2017**

Perezida wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu mu nama Njyanama y'AKarere ka Gasabo yahawe umwanya ageza ku Nama Njyanama uburyo ingengo y' imari yakoreshejwe kuva muri Nyakanga 2016 kugeza mu Ukuboza 2016, agaragariza abagize Inama Njyanama aho ingengo y'imari y'Akarere y'umwaka wa 2016-2017 igeze ishyirwa mu bikorwa. Yagaragaje ko amafaranga yinjira mu Karere harimo amafaranga aturuka mu misoro, aturuka mu baterankunga ndetse n'ayo Akarere kaba kimukanye mu ngengo y'imari y'umwaka ushize.Yasobanuye ko ku mafaranga 11,654,014,998 yagombaga kwinjira nk'imisoro bwite y'Akarere hinjiye amafaranga 2,642,921,293 bihwanye na 22,7%, naho ku mafaranga aturuka hanze angana na 8,827,630,581 hari hamaze kuboneka 4,225,421,656 frw bihwanye na 47,8%.

Muri rusange ku mafaranga 20,481,645,579 ateganyijwe mu ngengo y' imari y' umwaka wa 2016-2017 kugeza kuri 31 Ukuboza 2016, habonetse 6,868,342,949 bihwanye na 34%.

Ku birebana n'imikoreshereze y'ingengo y'imari, Perezida wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry' Ubukungu yamenyesheje abari mu nama ko amafaranga yagombaga gukoreshwa ari ku kigereranyo cya 22,6% ni ukuvuga ko ku mafaranga 20,481,645,579 ateganyijwe ku ngengo y'imari y'umwaka hamaze gukoreshwa amafaranga angana na 4,624,803,077.

Perezida wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yakomeje ageza ku Bajyanama ibikubiye mu mushinga w' ingengo y'imari y'Akarere ka Gasabo ivuguruye y'umwaka wa 2016-2017, agaragaza ibyahindutse muri iyo ngengo y'imari, maze yerekana ko ingengo y' imari y' Akarere ka Gasabo ivuguruye ihwanye n'amafaranga y'u Rwanda 23,201,391,894 bivuze ko ingengo y' imari yiyongereyeho amafaranga y'u Rwanda 2,719,746,315 agizwe na 2,000,000,000 y' inguzanyo izatangwa uyu mwaka yo kubaka inyubako Akarere kazakoreramo hamwe n'amafaranga 719,746,315 azaturuka muri Leta yo gutera inkunga ibikorwa bitandukanye by'Akarere.

Hagaragajwe kandi n'uburyo ingengo y'imari ivuguruye izakoreshwa herekanwa uburyo isaranganyijwe hakurikijwe imirongo y' ingengo y' imari, yerekana ko ingengo y' imari y'Akarere ka Gasabo ivuguruye y'umwaka wa 2016-2017, ingana n'amafaranga y'u Rwanda 23,201,391,894, asobanura ko azakoreshwa mu ngengo y' imari isanzwe ( recurrent budget ) ingana n'amafaranga y'u Rwanda 13,831,904,009, naho azakoreshwa mu ngengo y' imari y'amajyambere (Development Budget) ingana 9,369,487,885.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho incamake y' imikoreshereze y'ingengo y' imari mu mezi atandatu n'uburyo amafaranga yinjiye no kugezwaho umushinga w'ingengo y' imari

ivuguruye y'Akarere ka Gasabo y'umwaka wa 2016-2017, bunguranye ibitekerezo nyuma bemeza umwanzuro ukurira :

**Umwanzuro No 06.02.087**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ingengo y' imari ivuguruye y'Akarere ka Gasabo y'umwaka wa 2016-2017, ingana n'amafaranga y'u Rwanda miriyari makumyabiri n'eshatu na miriyoni magana abiri n'imwe n'ibihumbi magana atatu na mirongo icyenda na kimwe na magana inani mirongo cyenda n'ane by'amafaranga y'u Rwanda (23,201,391,894).

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 24 / 24 bari mu cyumba cy'inama.

**<u>Ingingo ya gatatu</u>: Raporo ya Komisiyo y 'Imari n'Iterambere ry' Ubukungu.**

**3.1. Umushinga w'amabwiriza y' imicungire y' igiceri program.**

Umuyobozi wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yagejeje ku Nama Njyanama amabwiriza y'igiceri program yateguwe mu rwego guha umurongo no gushyigikira gahunda yo kwizigamira kw'abaturage bafite ubushobozi buke binyujijwe kuri serivisi itangirwa ku rwego rw'Umudugudu. Yakomeje avuga ko gahunda yo kwizigamira ari imwe mu ngamba Leta y'u Rwanda yashyize imbere igamije kurwanya ubukene, nk'uko bigaragara mu cyerekezo 2020, ikaba kandi n'umuyoboro wo guteza imbere ishoramari rigamije guteza imbere imibereho myiza no kuzamura ibigo by'imari iciciritse. Leta y' u Rwanda yasanze kandi kuzigama byaba imwe mu nkingi za gahunda y'Imbaturabukungu (E.D.P.R.S II), ibi bikaba ari yo mpamvu abaturage begerejwe serivisi z'ibigo by'imari harimo n'ibiciriritse kugira ngo Abanyarwanda bari baraheze inyuma bitewe n'ubushobozi buke, imyumvire inyuranye n' imikorere y'ibigo by'imari byo hambere, nabo babone amahirwe yo gukorana n'ibigo by'imari .Yakomeje avuga ko n'ubwo kubitsa no kuzigama byiyongereye bikava kuri 72% mu mwaka wa 2012 bikagera kuri 89 % muri 2016, hari hakiri abaturage benshi bakibitsa cyangwa bakizigamira mu bimina cyangwa mu bundi buryo butemewe.

Perezida wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu, yabwiye abari mu nama ko ari muri urwo rwego Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu, ifatiye ku rugero rwiza rw'Imirenge imwe n'imwe yishyiriyeho gahunda y' Igiceri Program, kihaye intego yo kwegera by'umwihariko abaturage bafite ubushobozi buke kugirango bashobore kwizigamira bitangiriye ku mafaranga make (igiceri). Yasobanuye ko ubwitabire bwa gahunda y'Igiceri Program, muri iyo mirenge yayitangiye bushimishije ibyo bikerekana ko hashyizweho gahunda ihamye y'imicungire, iyi gahunda y' Igiceri Program ikemezwa n'Inama Njyanama yakwizwa hose mu Karere ka Gasabo, ndetse asaba ko Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yatangira ubukangurambaga bwo kuyikangurari abaturage nyuma yo kwemeza amabwiriza.

Ikindi Perezida wa Komisiyo yasobanuye ko ishyirwamubikorwa ry'iyi gahunda rigomba kugaragaza ingamba zizatuma ibibazo n'imbogamizi bikurikira bikemuka:

- Umuco wo kwizigamira uri hasi na serivisi z' ibigo by' imari zitegereye abazikeneye
- Imishinga mito n'iciritse ikiri mike mu baturage no kwitiranya kwizigamira no kubitsa.

Gahunda y'Igiceri Program ikaba icyitegererezo gifasha abaturage b'Akarere ka Gasabo kugira umuco wo kwizigamira, kugira uruhare mu ishoramari no mu iterambere rirambye ry'

imibereho yabo. Perezida wa Komisiyo y' Imari n'Iterambere ry'Ubukungu, yashoje amenyesha abari mu nama ko aya mabwiriza yateguwe Komisiyo yayasuzumye neza, ikagisha inama Ikigo k'Igihugu gishinzwe Amakoperative (RCA), ko igisigaye ari uko Inama Njyanama yayatangaho ibitekerezo ikayemeza agatangira gushyirwa mu bikorwa.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho Umushinga w'amabwiriza azagenga imicungire ya gahunda y' Igiceri Program muri Karere ka Gasabo bawutanzeho ibitekerezo bafata imyanzuro ikurikira :

**Umwanzuro N° 06.03 .088**

Inama Nyanama y'Akarere ka Gasabo yashyizeho amabwiriza agenga imicungire ya gahunda y'Igiceri Program, mu Karere ka Gasabo.

**Umwanzuro N° 06.04 .089**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ko buri Komisiyo igira uyihagarariye muri Komite Komite y'Igiceri Program ku rwego rw'Akarere.

Iyi myanzuro yemejwe n' Abajyanama 24/24 bari mu cyumba cy'inama.

**3.2. Amafaranga y' urugendo yahabwa Abajyanama batumiwe mu bindi bikorwa**

Perezida wa Komisiyo y' Imari n'Iterambere ry' Imari yagejeje ku bari mu nama umushinga Komisiyo yasuzumye urebana n'amafaranga yahabwa Abajyanama b'Akarere bahamagawe mu bindi bikorwa n'Akarere.

Abari mu nama bamaze kugezwaho uwo mushinga bawunguranyeho ibitekerezo basanga icyo cyifuzo gifite ishingiro ariko ko nta ngengo y'imari y'Akarere y'umwaka wa 2016-2017 yateganyirijwe kuri iki gikorwa, bunguranye ibitekerezo bemeza umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro N° 06.05 .090**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yasabye ko iyi ngingo yazigwaho mu nama y'Inama Njyanama izatora ingengo y'imari y'umwaka utaha wa 2017-2018 kugirango iyifateho umwanzuro.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 23/23 bari mu cyumba cy'inama.

**<u>Ingingo ya Kane</u>: Raporo ya Komite Ngenzuzi ku rwego rw'Akarere**

Perezida wa Komite Ngenzuzi ku rwego rw'Akarere ka Gasabo yagejeje ku bagize Inama Njyanama raporo ya Komite Ngenzuzi irebana n'igenzura ry' imikoreshereze y' umutungo mu mwaka w' ingengo y' imari wa 2015-2016 mu Mirenge 14 kuri 15 igize Akarere ka Gasabo yakozwe n'abakozi bo mu Bugenzuzi Bwite bw' Akarere. Yakomeje agaragaza ibyagaragaye nk'amakosa muri iri genzura bikurikira:

1. Ikinyuranyo kigaragara muri raporo biturutse mu buryo bwo gutanga raporo ( reporting system ya software EASY TO USE );
2. Kutandika neza mu bitabo by'icungamutungo n'imari ( Revenue with debit balances);
3. Kutagira igitabo cyandikwamo imyenda (Lack of invoice register for payables );

4. Kutagira Kashe yanditseho "PAID'' kugirango iterwe ku nyemezabwishyu zishyuwe ( Invoices paid but not stamped ''PAID'');
5. Amafaranga yakoreshejwe adafite ibisobanuro byuzuye (Expenditure not fully Supported );
6. Abakozi bahabwa amafaranga y' ubutumwa batayemerewe (Ineligible allowances paid to Sector staff);
7. Kudakata amafaranga atatu ku ijana (3%) y'imisoro kuri barwiyemezamirimo bishyuwe amafaranga ya Leta (Withholding tax (3%) not deducted on the payment made);
8. Kwishyura ba rwiyemezamirimo bitanyuze mu masoko (payments done without tender) ;
9. Amafaranga yakoreshejwe atagira ibisobanuro (unsupported expenditure).

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho raporo ya Komite Ngenzuzi, irebana n'Ubugenzuzi bwakorewe Imirenge ku mikoreshereze y'umutungo mu mwaka wa 2015-2016, bamaze no kuyunguranaho ibitekerezo bemeje umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro No 06.06.091**

Inama Njyanama yasabye abagize Komite Nyobozi y'Akarere gusaba Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge yakorewe igenzura, gukosora mu buryo bwihuse amakosa yagaragajwe n' Ubugenzuzi Bwite bw'Akarere.

Uyu mwanzuro watowe n'Abajyanama 24/24 bari mu cyumba cy' inama.

**Ingengo ya Gatanu: Kwemeza abakozi bo mu Bugenzuzi Bwite bw'Akarere ka Gasabo.**

Hashingiwe ku itegeko no 87/2013 ryo ku wa 11/09/2013 ngingo yaryo ya 56 iteganya gushyiraho abakozi, kubahagarika by'agateganyo no kubasezerera burundu "*Komite Nyobozi ifite ububasha bwo gushyiraho abakozi ;kubahagarika by' agateganyo no kubasezerera burundu,uretse Umunyamabanga Nshingwabikorwa n' umugenzuzi bemezwa kandi bagakurwaho n' Inama Njyanama hakurikijwe amategeko agenga abakozi ba Leta*"**;** Umuyobozi w' Inama Njyanama yagejeje kubitabiriye inama amazina y'abakozi batsindiye umwanya w'Ubugenzuzi Bwite bw'Akarere (Internal Audit ), abamenyesha ibyo basabwa kuba bujuje kugira ngo bashyirwe kuri uwo mwanya, ibyo bize n'amanota babonye mu mapiganwa bakoze kugirango babemeze.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho amazina y'abakozi basabirwa kwemezwa, bunguranye ibitekerezo, basaba ko bagaragarizwa uburyo inzira zo gushaka abo bakozi zagenze ( Processus de recrutement), kugira ngo bashobore kwemeza abo bakozi.

**Ingengo ya Gatanu: Gusuzuma no kwemeza amanota y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa yatanzwe na Komite Nyobozi y'Akarere.**

Kuri iyi ngingo, hashingiwe ku biteganywa n'itegeko no No.87/2013 of 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage, ingingo yaryo ya 130 mu gika cyamunani kivuga ko : "*Komite Nyobozi igomba kwemeza amanota*

*y'Abakozi b'Akarere yatanzwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w' Akarere ,guha amanota ku rwego rwa kabiri abayobozi b'imirimo ku Karere n'Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge .Guha amanota Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere akemezwa n' Inama Njyanama y'Akarere"*, Umuyobozi w' Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo, ashingiye kuri raporo y'amanota Komite Nyobozi yahaye Umunyamabanga Nshingwabikorwa, yagejeje kubitabiriye inama amanota y'isuzumabushobozi (Evaluation) y'umwaka wa 2015-2016 Komite Nyobozi yahaye Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Gasabo Bwana INGABIRE Augustin , maze abasaba ko batanga ibitekerezo.

Abagize Inama Nyanama bamaze kugezwaho amanota Komite Nyobozi yahaye Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere y'umwaka wa 2015-2016 bafashe umwanzuro ukurikira :

**Umwanzuro No 06. 07.092**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo ishingiye kuri raporo ya Komite Nyobozi, yemeje amanota y'Umunyabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Gasabo Bwana INGABIRE Augustin y' Umwaka wa 2015-2016, angana na 86.0 %.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 23/23 bari mu cyumba cy'inama.

Mbere yo gusoza inama, abagize Inama bagejweho gahunda y'urugendo shuri Akarere ka Gasabo kazakorera mu Karere ka Ngoma, bamenyeshwa ko hazarebwa ibikorwa birebana n'ubuhinzi, urwo rugendo shuri rukaba ruzitabirwa n'intumwa z'Akarere ka Gasabo'zirimo, abahagarariye abahinzi, abakozi bashinzwe Ubuhinzi mu Murenge y'igice cy'inkengero z'umugi, Umuyobozi w'Ishami ry'Ubuhinzi n'Ubworozi n'Abajyanama 3 bahagarariye abandi batanzwe na Komisiyo zigize Inama Njyanama y' Akarere ka Gasabo. Urwo rugendo shuri rukazatangira tariki ya 2-3/02/2017, bakazahabwa ikiganiro ku birebana n'ubuhinzi bw' ibitoki n'inanasi ndetse bakanasura ibyo bihingwa.

Inama yari yatangiye saa mbiri n'iminota mirongo ine za mu gitondo (8h40) yashoje imirimo yayo saa saba n'iminota mirongo ine n'itanu z'amanywa (13h45'), Umuyobozi w'Inama Njyanama ayisoza ashimira abayitabiriye ku bitekerezo byiza batanze.

Bikorewe i Gasabo, ku wa 31 Mutarama 2017.

| | |
|---|---|
| **<u>Umwanditsi w'inama</u>** : | **<u>Umuyozozi w'inama</u>** : |
| **KAREMERA Francis**<br>Umunyamabanga w'Inama Njyanama<br>y'Akarere ka Gasabo | **Dr BAYISENGE Jeannette**<br>Umuyobozi w'Inama Njyanama<br>y'Akarere ka Gasabo |